



IMVURA ITEGANYIJWE MURI MUTARAMA NA GASHYANTARE 2021

Muri Mutarama na Gashyantare 2021 hateganyijwe imvura iringaniye muri rusange ariko hari aho iyi mvura ishobora kuzaba nke hashingiwe ku miterere yaho.

Hashingiwe ku ishusho y'imigwire y'imvura mu gihe kirekire, mu gihe cy'aya mezi abiri mu Rwanda haboneka imvura iringaniye iri hagati ya milimetero 50 na 350. Muri rusange hateganyijwe imvura nk'isanzwe igwa mu bihe byiza ariko ishobora kugabanuka hashingiwe ku miterere ya buri karere.

Imvura iteganyijwe izaturuka ahanini ku buhehere bugaragara mu karere k' Afurika y'iburasirazuba u Rwanda ruherereyemo buturuka mu nyanja ngari hamwe n'imiterere karemano yo mu turere tw'imisozi n'amashyamba ahaboneka kuko bibasha kubika bwa buhehere mu gihe kirekire.


Ingano y'imvura iteganyijwe hirya no hino mu gihugu muri Mutarama na Gashyantare 2021:


- **Imvura iri hagati ya milimetero 250 na milimetero 300** iteganyijwe mu turere twa Nyamasheke n'igice kinini cya Rusizi ndetse n'amajyepfo y'iburengerazuba bwa Nyamagabe.
- **Imvura iri hagati ya milimetero 200 na milimetero 250** iteganyijwe mu gice gisigaye cy'akarere ka Nyamagabe, mu turere twa Nyaruguru na Huye, igice kinini cy'akarere ka Karongi, amajyepfo ya Rutsiro ndetse no mu gice cy'amajyepfo y'uburengerazuba bwa Rusizi na Ngororero.
- **Imvura iri hagati ya milimetero 150 na milimetero 200** iteganyijwe mu Ntara y'Amajyarurugu (Musanze, Burera, Gicumbi, Gakenke na Rulindo), Intara y'iburengerazuba mu turere twa Rubavu, Nyabihu, Ngororero n'amajyaruguru ya Rutsiro, Intara y'Amajyepfo mu turere twa Gisagara, Nyanza, Ruhango, Muhanga, Kamonyi no mu burasirazuba bw'Akarere ka Huye na Nyaruguru, mu Mujyi wa Kigali mu turere twa Nyarugenge, Gasabo na Kicukiro, mu ntara y'iburasirazuba mu gice cy'amajyaruguru ya Bugesera na Ngoma ndetse no mu majyepfo ya Rwamagana.
- **Imvura iri hagati ya milimetero 100 na milimetero 150** iteganyijwe mu turere twa Nyagatare, Gatsibo, Kayonza, Amajyarurugu ya Rwamagana, Amajyepfo ya Bugesera na Ngoma n'igice kinini cy'Akarere ka Kirehe.
- **Imvura iri hagati ya milimetero 50 na milimetero 100** iteganyijwe mu majyepfo y'akarere ka Kirehe.





IKARITA IGARAGAZA INGANO Y'IMVURA ITEGANYIJWE MURI MUTARAMA NA GASHYANTARE 2021 NDETSE N'IMVURA ISANZWE IGWA MURI ICYO GIHE





Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda), kirashishikariza Abaturarwanda n'abafatanyabikorwa bose gushingira kuri iri teganyagihe mu igenamigambi ryabo rya buri muni; cyane ko imvura iteganyijwe ishobora kubangamira imirimo y'isarura.

Abakeneye ibindi bisobanuro birambuye kuri iri teganyagihe n'uburyo ryakoreshwa barasabwa kwegera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) cyangwa bagahamagara kuri numero itishyurwa 6080.

Iri teganyagihe rikomeza gukoreshwa ryunganirwa n'irindi risanzwe ritangwa mu gihe cy'ukwezi, iminsi icumi (10), iminsi itanu (5), iminsi itatu (3) ndetse n'iteganyagihe ritangwa buri muni.

Bikorewe i Kigali, kuwa 31/12/2020.

Aimable GAHIGI
Umuyobozi Mukuru

